REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO: TGI NYAMAGABE

**ICYEMEZO CY'URUKIKO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA**

Umwaka wa 2022, ukwezi kwa Nzeli , umunei wa makumyabiri n'icyenda

Twebwe NDWANIYE M.Solange , umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa NYAMAGABE, dufashijwe na UWIMANA Abraham , umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona ko Sammuel UKWIBISHAKA mwene UCYIZE Bernard na KARENZO Consolee utuye mu Mudugudu wa Rugarama, Akagari ka Rutobwe, Umurenge wa Cyahinda, Akarere ka Nyaruguru, Intara y'amajyepfo yakurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa wihishe ubutabera ,

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko " Iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe. Nyuma yo gushyikirizwa dosiye, urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko,

Ndetse no ku biteganywa n'ingingo ya 161 nayo y'iryo tegeko iteganya ko " Mu gihe cy'iminsi umunani (8) icyemezo kivugwa mu ngingo ya 160 y'iri tegeko kimanikwa ahabigenewe ku rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa mu gitangazamakuru cyemejwe n'urukiko.

Dutegetse ko azitaba kuwa 22/09/2022 ku cyicaro cy'urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe kugirango aburane urubanza **RPMIN 00004/2022/TGI/NYBE** akurikiranywemo n'ubushinjacyaha icyaha cyo gusambanya umwana .

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'ikirenga mu gihe cy'iminsi 8 kikanamanikwa ahashyirwa amatangazo ku biro by'akarere ka Nyamagabe n'aka Nyaruguru no ku biro by'imirenge yose igize utwo turere.

Bikorewe I Nyamagabe ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru

UMUCAMANZA
NDWANIYE M.Solange

UMWANDITSI
UWIMANA Abraham